



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA MATA 2023

10 Gicurasi 2023

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## **IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MATA 2023**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mata 2023. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 17,8% mu kwezi kwa Mata 2023 ugereranyije na Mata 2022. Ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2023 byari byiyongereyeho 19,3%.

Mu kwezi kwa Mata 2023, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 36,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 20,9% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 8,5%.

Iyo ugereranyije Mata 2023 na Mata 2022, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 11,4%.

Iyo ugereranyije Mata 2023 na Werurwe 2023, usanga ibiciro byariyongereyeho 1,1%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,2%

### **B. Ibiciro mu byaro**

Mu kwezi kwa Mata 2023, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 35,9% ugereranyije na Mata 2022. Ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2023 byari byiyongereyeho 39,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Mata, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 62,6%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 22,1% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 21,9%.

Iyo ugereranyije Mata 2023 na Werurwe 2023 ibiciro byiyongereyeho 2%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,9%.

### **C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)**

Mu kwezi kwa Mata 2023 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 28,4% ugereranyije na Mata 2022. Mu kwezi kwa Werurwe 2023 ibiciro byari byiyongereyeho 31%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Mata 2023, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 54,6%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 21,7% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 16,1%.

Iyo ugereranyije Mata 2023 na Werurwe 2023 ibiciro byiyongereyeho 1,7%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,7%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2022 kugeza muri Mata 2023.**

	Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2022 kugeza muri Mata 2023												
	2022									2023			
	04	05	06	07	08	09	10	11	12	01	02	03	04
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	9,9	12,6	13,7	15,6	15,9	17,6	20,1	21,7	21,6	20,7	20,8	19,3	17,8
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	11,0	16,4	17,9	22,5	23,6	28,5	39,2	42,9	39,2	38,8	37,1	39,5	35,9
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	10,5	14,8	16,1	19,6	20,4	23,9	31,0	33,8	31,7	31,1	30,3	31,0	28,4
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	2,4	1,9	0,8	1,7	0,5	2,1	2,7	0,8	0,0	1,3	1,8	1,8	1,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	4,7	2,3	1,5	3,5	1,6	3,8	7,6	1,5	-2,5	2,6	3,2	4,3	2,0
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	3,7	2,1	1,2	2,7	1,1	3,1	5,6	1,3	-1,5	2,1	2,7	3,4	1,7

*Isoko: Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

Email: [info@statistics.gov.rw](mailto:info@statistics.gov.rw)